KAMERE YA BURI KIREMWA KIZIMA CYOSE, ZA GIHAMYA ZIFATIKA

NDETSE N'INYURABWENGE, BYOSE BIHAMYA MUKURI KO IYI ISI IFITE UWAYIREMYE W'UMUHANGA.

AKABA AKWIYE GUSENGWA NDETSE NO KWEMERA.

BURI KINTU CYOSE CYABA IKINYEGANYEGA CYANGWA IGITUJE GIFITE

UBUHAMYA, NO KURI BURI KINTU CYOSE HARIHO GIHAMYA ISHIMANGIRA KO UWO MUREMYI ARI UMWE RUKUMBI.

NO KWEMERA IMANA NYAGASANI NIWO MUSINGI WA BURI MISINGI YOSE, KANDI NICYO CYANGOMBWA GISUMBA IBINDI.

INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO

N’IMIGISHA) IGIHE YABAZWAGA NGO IGIKORWA KIRUTA IBINDI: YARAVUZE ATI “NI UKWEMERA IMANA” BISHIMANGIRWA N’INKINGI ENYE:

-KWEMERA KO IMANA IRIHO

-KWEMERA IBIKORWA BYAYO

- KWEMERA UBUMANA BWAYO

- KWEMERA AMAZINA N'IBISINGIZO BYAYO.

KUBA IMANA IRIHO NICYO KINTU KIGARAGARA KURUSHA IBINDI, BIGASHIMANGIRWA NA KAMERE, IBIGARAGARA NDETSE N'INYURABWENGE IRABIHAMYA.

BURI KINTU CYOSE KIRI KURI IYI SI GIHAMYA UKUBAHO KW'IMANA

IMANA YARAVUZE ITI "ESE BIBWIRA KO BAREMWE NTAWE UBAREMYE, CYANGWA NI BO BIREMYE? CYANGWA BIBWIRA KO ARIBO BAREMYE IBIRERE N'ISI? AHUBWO NTIBIZERA!" KWEMERA IBIKORWA BY'IMANA BISHIMANGIRWA NO KWEMERA KO IMANA ARI UMUREZI, UMUREMYI, UTANGA AMAFUNGURO,

AFITE UBWAMI BWUZUYE N'UBUTEGETSI BUHAMYE. NTA KINYEGANYEGA BITARI KW'ITEGEKO RYAYO, NTA N'IGITUZA BITARI KU ITEGEKO RYAYO.

IMANA ITI "VUGA (YEWE MUHAMADI) UTI "NI NDE UBAHA AMAFUNGURO ATURUTSE MU KIRERE NO MU ISI? NI NDE UGENGA KUMVA NO KUBONA? NI NDE UKURA IKIZIMA MU CYAPFUYE AKANAKURA

ICYAPFUYE MU KIZIMA? NI NA NDE UGENGA GAHUNDA Z'IBINTU BYOSE? BAZAVUGA BATI "NI ALLAH". VUGA UTI "ESE NTIMUTINYA?"

NAHO IBIJYANYE NO KWEMERA UBUMANA BW'IMANA NYAGASANI, NI UKWEMERA KO NTA WE UKWIYE GUSENGWA MU KURI UTARI IMANA, NTA GIKORWA ICYO ARICYO CYOSE CY'ISENGESHO KIGOMBA GUKORERWA

UTARI IMANA, KANDI N'IBIHEMBO BY'IGIKORWA ICYO ARICYO CYOSE NTA WUNDI BYIRINGIRWAHO USIBYE IMANA.

IMANA YARAVUZE ITI "VUGA UTI "MU BY'UKURI, AMASENGESHO YANJYE, IBITAMBO BYANJYE, KUBAHO KWANJYE NO GUPFA KWANJYE BIGENGWA NA ALLAH, NYAGASANI W'IBIREMWA BYOSE,

NTAWE BABANGIKANYE. KANDI IBYO NI BYO NATEGETSWE, NDETSE NDI UWA MBERE MU BICISHA BUGUFI”.

NAHO KWEMERA AMAZINA N’IBISINGIZO BY’IMANA: BISABA GUTAGATIFUZA IMANA HO BURI NENGE N’UBUSEMBWA UBWO ARIBWO BWOSE.

NO KWEMEZA AMAZINA YAYO MEZA N’IBISINGIZO BYAYO BIHEBUJE, IMANA

YIYEMERERA UBWAYO MU GITABO CYAYO, CYANGWA MURI SUNAT Z'INTUMWA YAYO, NTA GUPFOBYA NDETSE NO KUBIGERERANYA N'IBYI BIREMWA.

IMANA YARAVUZE ITI "KANDI IMANA IFITE AMAZINA MEZA, BITYO MUJYE MUYISABA MUYIFASHISHIJE, MUNITANDUKANYE NA BABANDI BAKERENSA AMAZINA YAYO

BAZAHANIRWA IBYO BAKORAGA”